# ITANGAZO MPUZAMAHANGA KU ISHYINGURANYANDIKO

UNESCO
United Nations Educational, Scientific and Cultural Organization

Itangazo ryemejwe n'Akanama ka 36 k'Inteko Rusange ya UNESCO

ica
international council on archives
conseil international des archives
n'Akanama Mpuzamahanga ku Ishyinguranyandiko

**Ishyinguranyandiko** ribikwamo ibyemezo byanditse, ibikorwa n'amateka. Ishyinguranyandiko ni umurage **wihariye** kandi **udashobora gusimburwa**, ugenda uhererekanywa uko **ibisekuruza** bigenda bisimburana. Iyo ishyinguranyandiko rimaze gushyirwaho, rigomba gucungwa ku buryo **ridatakaza** agaciro karyo n'icyo risobanuye. Ni isoko **ngenderwaho** y'amakuru yakoreshwa mu bikorwa by'ubuyobozi bukorera mu mucyo kandi bushobora kwisobanura. Ishyinguranyandiko rigira uruhare **rw'ingenzi** mu iterambere ry'imiryango y'abantu kuko **ririnda** kandi **rigatera inkunga amateka** yayo n'ay'abantu ku giti cyabo. Korohereza abantu benshi kugera ku ishyinguranyandiko bigomba gushyigikirwa kandi bigashishikarizwa kugira ngo **ubumenyi** bw'umuryango mugari w'abantu bwiyongere, demokarasi itere imbere, uburenganzira bw'abenegihugu busugire, n'imibereho myiza itere imbere.

## Kugira ngo ibyo bigerweho, tugomba kwemera:

- **umwihariko w'ishyinguranyandiko** nk'ikimenyetso gihamye cy'ibikorwa by'imitegekere, by'umuco n'iby'imitekerereze, n'indorerwamo y'iterambere ry'umuryango mugari w'abantu;
- **akamaro gakomeye** k'ishyinguranyandiko mu bintu bikurikira: gutuma ubucuruzi bukorwa neza kurushaho, mu buryo buzira amakemwa kandi mu mucyo; kurinda uburenganzira bw'abenegihugu; kwegeranya amateka y'abantu hamwe cyangwa ku giti cyabo; gutuma amateka arushaho gusobanuka; kubika neza amakuru y'ibiba none kugira ngo ejo bizatubere urumuri;
- **uburyo bunyuranye** bw'ishyinguranyandiko butuma hagaragazwa ibikorwa bitandukanye by'abantu;
- **uburyo bwinshi bwo gutegura** ishyinguranyandiko, bwaba ubukoresha impapuro, uburyo bwa elegitoroniki, amajwi n'amashusho cyangwa ubundi ubwo ari bwo bwose;
- **uruhare rw'abakozi bo mu ishyinguranyandiko**, bagomba kuba abanyamwuga babihuguriwe mbere yo gutangira akazi kandi bakomeza guhugurwa, bakorera imiryango muntu yabo bafasha mu gukusanya amakuru abikwa, bakayarobanura kandi bagatuma abashaka kuyakoresha babasha kuyageraho;
- **uruhare rw'abantu bose muri rusange:** abenegihugu, abafata ibyemezo bya politiki, abatunze ishyinguranyandiko ryagenewe rubanda n'iritunzwe n'abantu ku giti cyabo, abanyamwuga mu by'ishyinguranyandiko n'inzobere mu byerekeye amakuru, mu icunga ry'inshyinguranyandiko.

## Kubera izo mpamvu twiyemeje gukorera hamwe, kugira ngo:

- buri gihugu gishyireho ingamba n'amategeko birebana n'ishyinguranyandiko kandi bibishyire mu bikorwa;
- gucunga ishyinguranyandiko bihabwe agaciro, kandi bikorwe n'abo bireba bose, baba ibigo bya Leta cyangwa ibyigenga bitegura kandi bigakoresha ishyinguranyandiko mu mirimo yabyo;
- hatangwe uburyo buhagije mu rwego rwo gushyigikira imicungire myiza y'ishyinguranyandiko, harimo no gukoresha abantu babihuguriwe;
- ishyinguranyandiko ricungwe kandi ribikwe mu buryo rikomeza kudashidikanywaho, rikizerwa, ntihagire ikiriburamo kandi rigashobora gukoreshwa;
- ishyinguranyandiko rigerweho na buri wese, hubahirijwe amategeko akurikizwa n'uburenganzira bw'abantu, ubw'abarikoze, ubwa ba nyiraryo n'ubw'abarikoresha;
- ishyinguranyandiko rikoreshwe nk'inkunga ifasha abenegihugu kumva ko bagomba kubazwa imyitwarire n'ibikorwa byabo.

*Itangazo ryemejwe n'Inteko Rusange y'Inama Mpuzamahanga ku Ishyinguranyandiko yabereye Oslo, muri Nzeri 2010, rishyigikirwa n'Akanama ka 36 k'Inteko Rusange ya UNESCO, yabereye i Paris, mu Ugushyingo 2011.*